Information Note | Umushyikirano ku nshuro ya 12

Kigali, 18-19 Ukuboza 2014

Icyerekezo Kimwe, Twongere Imbaraga

Intangiriro

Umushyikirano ni urubuga ruhuza buri mwaka abayobozi n'abaturage bakaganira ku iterambere ry'igihugu. Uyu mwaka umushyikirano uzahuzwa n'ibikorwa by'inama Ngishwanama ya Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya jenoside. Ibi bikorwa byombi bizabera mu Ngoro y'Inteko ishinga amategeko kuva tariki ya 18 kugeza tariki ya 19 ukuboza 2014, biyobowe na Perezida wa Repubulika.

Ihuriro ngarukamwaka ry'urubyiruko naryo ni kimwe mu bikorwa bizaranga inama y' Umushyikirano. Iri huriro rizahuza urubyiruko rurenga 2000 rurimo ba rwiyemezamirimo, abakora mu nzego zitandukanye, abahanga udushya, abahanzi, abanyeshuri ndetse n'ababana n'ubumuga. Abazitabira iyi nama bazakurikirana kandi banatange ibitekerezo mu bikorwa by'inama y'Umushyikirano aho bazaba bateraniye muri stade nto I Remera, Kigali.

Abatuye hanze ya Kigali bazabasha gukurikirana ibikorwa by'inama y'Umushyikirano hakoreshejwe ikoranabuhanga.

Amateka

Umushyikirano ni igikorwa ngarukamwaka giha Abanyarwanda b'ingeri zose amahirwe yo kugeza ibibazo byabo ku bayobozi. Iyi nama iyoborwa na Perezida wa Repubulika ikitabirwa n' abagize guverinoma, inteko ishinga amategeko, abahagarariye abanyarwanda baba mu mahanga, inzego z'ibanze, itangazamakuru, abahagarariye ibihugu n'imiryango mpuzamahanga, n'abandi batumirwa na Perezida wa Repubulika. Nk'uko biteganywa n'Itegekonshinga, ingingo ya 168, Umushyikirano ni urubuga ruganirirwamo ibibazo bitandukanye bireba uko igihugu gihagaze, imikorere y'inzego z'ibanze ndetse n'ubumwe bw'Abanyarwanda. Umushyikirano ushingira ku ihame ryo guha abaturage urubuga bakagira uruhare mu bibakorerwa.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994, u Rwanda rwashyizeho gahunda yo kwiyubaka igamije kuba igihugu gifite ubukungu bushingiye ku bumenyi, kiri mu bihugu bifite ubukungu bucirirtse mu mwaka wa 2020. Hatewe intambwe ishimishije mu kugera kuri iyi ntego, cyakora haracyari n'imbogamizi. Ni muri urwo rwego, inama y'Umushyikirano y'uyu mwaka izaba umwanya wo gusubiza amaso inyuma hakarebwa ibyagezweho ndetse hakanunguranwa ibitekerezo ku cyakorwa mu guhangana n'imbogamizi zihari.

Ingingo zizaganirwaho mu Umushyikirano w'uyu mwaka zigamije kugaragaza intambwe yatewe mu kugera ku cyerekezo cya 2020 ndetse n'uburyo bwo kurinda ibyagezweho. Ibi biganiro kandi bizagaragaza imbogamizi ndetse binasembure ibitekerezo ku bisubizo n'ingamba bikenewe kugirango igihugu kigere ku iterambere cyifuza.

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti '*Icyerekezo Kimwe, Twongere Imbaraga'.*

Ingingo zizaganirwaho

Ingingo ya 1: Umuryango – Isoko y'iterambere ry'igihugu

Iterambere ry' u Rwanda rituruka ku buzima n'ubukugu by'imiryango y'abanyarwanda. Imiryango kandi igira uruhare runini mu kurinda umuco n'indangagaciro by'igihugu. Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 27 y'Itegekonshinga, Guverinoma igomba gushyiraho amategeko no kubaka inzego zirinda umuryango, by'umwihariko umwana n'umugore.

Uburenganzira ku burezi, ubuzima, ubukungu, kurya neza, n'uburinganire bw'ibitsina byombi, ni bimwe mu by'ingenzi bikenewe kugirango umuryango utere imbere. Ni muri urwo rwego, iki kiganiro kizibanda ku ruhare rwa Leta mu gushyigikira umuryango. Iki kiganiro kizibanda ku kongerera imbaraga gahunda zashyizweho mu guteza imbere umuryango. Hazanagaragazwa kandi imbogamizi imiryango y'abanyarwanda ihura nazo ndetse haganirwe no ku bisubizo byazo.

Ingingo ya 2: Kurinda ibyo twagezeho hagamijwe gutegura ejo hazaza heza

U Rwanda rwageze ku byiza byinshi mu myaka 20 ishize mu buryo bwa politiki, imibanire n'ubukungu by'abanyarwanda. Ibyo byose byagezweho ni umusingi w'ejo hazaza ndetse n'umurage w'abazadukomokaho. Ni inshingano z'abanyarwanda bose, abato n'abakuze, kurinda ibyagezweho no gukomeza kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu.

Muri iki kiganiro hazagaragazwa intambwe u Rwanda rwateye mu nzego zitandukanye, mu buzima, uburezi, umutekano, politiki, iterambere ry'ubukungu no kurengera ibidukikije. Iki kiganiro kizagaragaza ibyagezweho bikeneye kurindwa, imbogamizi zikwiye gushakirwa umuti, ndetse n'uruhare rw'abanyarwanda mu gutera indi ntambwe tugana ku iterambere ry'abanyarwanda bose.

Uburyo ibiganiro bizatangwamo

Muri buri kiganiro, urwego rukiyoboye ruzajya rutanga ikiganiro gito gikurikirwe no kungurana ibitekerezo. Inama y'umushyikirano izanyura imbonankubone kuri Televiziyo na radiyo ndetse no kuri interineti. Abaturage bakangurirwa gutanga ibitekerezo binyujijwe mu buryo butandukanye harimo kohereza ubutumwa bugufi, umurongo wa interineti, n'imbuga nkoranyambaza za Twitter na Facebook. Ibiro bya Minisitiri w'intebe bizegeranya imyanzuro yose kandi bikurikirane, binatange raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'iyo myanzuro.

Abazitabira inama y' Umushyikirano 2014

Hateganyijwe ko abagera ku 1 000 bazitabira inama y'umushyikirano. Harimo:

- Abagize Guverinoma,
- Abayobozi b'intara n'umugi wa Kigali ndetse n'abayobozi b'uturere
- Abagize inzego z'ibanze/abahagarariye abaturage
- Abahagarariye inzego z'ubutabera
- Abayobozi bakuru b'inzego zishinzwe umutekano
- Abanyamabanga bahoraho muri za minisiteri
- Abayobozi b'ibigo bya Leta
- Abagize inteko ishinga amategeko, imitwe yombi

- Abahagarariye ibihugu n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda
- Abahagarariye imitwe ya politiki
- Abahagarariye abikorera, imiryango y'iyobokamana n'imiryango itegamiye kuri Leta
- Abayobozi b' amashuri makuru na za Kaminuza
- Abahagarariye abanyarwanda baba mu mahanga
- Inshuti z' u Rwanda

Gahunda

Tariki ya 18 Ukuboza 2014

Inteko Ishinga Amategeko

Igikorwa	**Ugishinzwe**
Kuhagera kw'abatumirwa	
Kuhagera kwa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda	**Umuhuza w'amagambo (MC)**
Ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda ritangiza Inama	
Raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama y'umushyikirano ya 11	**Nyakubahwa Minisitiri w' intebe**
Ikiganiro	**Umuhuza w'amagambo (MC)**
Ingingo ya 1: Umuryango: isoko y'iterambere ry'igihugu	**Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango**
Ikiganiro	**Umuhuza w'amagambo (MC)**
Lunch Break	
Ingingo ya 2: Kurinda ibyo twagezeho dutegura ejo hazaza heza.	**Umuyobozi w'Ikigo cy'igihugu cy'imiyoborere**
Ikiganiro	**Umuhuza w'amagambo (MC)**
Gusoza	

Ukeneye kumenya byinshi ku bijyanye n'inama yigihugu y'umushyikirano 2014, harimo ibyavuye mu nama z'ubushize, wasura urubuga rwa www.umushyikirano.gov.rw, ushobora no gukurikira @Umushyikirano kuri Twitter no kuri facebook. Ushobora kandi kubona amakuru ku Umushyikirano unyuze ku rubuga www.rwandapedia.rw/explore/umushyikirano

Ibibazo by'abanyamakuru byakirwa kuri iyi email: umushyikirano@ogs.gov.rw.

Amafoto yo mu nama z'umushyikirano z'ubushize aboneka aha: www.flickr.com/govrw na www.flickr.com/paulkagame.

Amafoto y'inama y'umushyikirano y'uyu mwaka aboneka kuri www.flickr.com/govrw.

Inama ngishwanama ya komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside

Kigali, 19 Ukuboza 2014

Amateka

Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside (CNLG) ishyiraho ikanshyira mu bikorwa ingamba zo kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo. Ishinzwe kandi kurwanya ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda no mu mahanga. Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa izi ntego, abagize inama ngishwanama bahura buri myaka ibiri mu rwego rwo gutanga inama n'imirongo ngenderwaho bifasha komisiyo gusohoza inshingano zayo.

Inama ngishwanama ya CNLG ihamagazwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Repubulika. Kuva CNLG ishinzwe, iyi nama imaze guterana inshuro eshatu: mu mwaka wa 2008, 2010 na 2012. Imikorere ya Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside ndetse n'inama ngishwanama yayo biteganywa n'itegeko nimero 09/2007 ryo kuwa 16/02/2007.

Intego y'inama

Intego y'inama ngishwanama ya kane ni ukungurana ibitekerezo ku mbogamizi nshya zigaragara nyuma y'imyaka 20 Jenoside yakorewe Abatutsi ibaye ndetse no gushyiraho ingaba n'imirongo ngenderwaho mu gukumira no kurwanya Jenoside. Iyi nama kandi izaganira ku ngamba zo kurwanya ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe abatutsi, harindwa ibimenyetso byayo ndetse no guhangana n'ingaruka zayo.

Ikiganiro: Imyaka 20 yo kwiyubaka

Iki kiganiro kizagaruka ku byagezweho ndetse n'iteganyamigambi mu gukumira no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no kuyihakana, no kurinda ibimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi. Iki kiganiro kandi kizagaruka ku mibereho y'abacitse ku icumu ndetse n'uburyo bwo guhangana n'ihungabana.

Aho wakura andi makuru

Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside: www.cnlg.gov.rw

Amakuru arambuye ku nama ngishwanama ya kane ya komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside aboneka kuri uru rubuga www.cnlg.gov.rw ndetse no ku mbuga nkoranyambaga. Urubuga kandi rubonekaho amakuru, amafoto n'amashusho ndetse n'andi makuru ajyanye n'ibyagezweho mu kurwanya Jenoside mu Rwanda. Ni kuri uru rubuga kandi ushobora kubona amakuru ku bijyanye n'inzibutso za Jenoside hirya no hino mu gihugu.

Kwibuka - www.kwibuka.rw

Uru rubuga ruriho amakur ajyanye n'ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 20 Jenoside yakorewe abatutsi, uruhererekane rw'amateka kuva 1900 kugeza ubu, ndetse n'ubuhamya butandukanye, amafoto n'amashusho n'ibindi. Umuntu wese ashobora gusangiza abandi amakuru ajyanye no kwibuka abinyujije kuri Facebook, twitter, Instagram ndeste no kurubuga nyirizina.

Ububiko bw'inyandiko za Jenoside - www.genocidearchiverwanda.org.rw

Kuri uru rubuga, haboneka amashusho ajyanye na Jenoside yakorewe Abatutsi, harimo n'inyandiko ndetse n'amakarita ndangahantu. Amashuso arimo ubuhamya bw'abacitse ku icumu ndeteste n'abakoze Jenoside, imanza za Gacaca, ndetse n'imihango yo kwibuka.

Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali - www.kigalimemorialcentre.org

Uru rubuga ruriho amakuru ku rwibutso rwa Jenoside rwa Kigai rwashyizweho ku bufatanye bw'umugi wa Kigali n'umuryango ukorera mu bwongereza witwa Aegis Trust. Uru rwibutso rwerekana kuburyo buhoraho ibijyanye na Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse n'izindi Jenoside zagiye zibaho hirya no hino ku isi.

Ushobora gukurikirana ibikorwa byose by'inama kuri @Umushyikirano, @RwandaRemembers na @Kwibuka20.